# UMURIMA WA DATA



Umwanditsi Murisa Jean Maurice
Uwashushanyije : Sengabo  Callixte

**©2021 Imanzi Press**

Uburenganzira bw'umuhanzi bugomba kubahirizwa nta gice k'iki gitabo kigomba gutuburwa, kubika cyangwa guhererekanywa ku buryo ubwo ari bwo bwose nta ruhushya rwanditse rw'abacyanditse.



Data afite umurima mu kabande.
Iyo agiye guhinga yitwaza isuka n'umuhoro.



Umurima wa data uhinzemo ibigori n'imboga.



Mu biruhuko njyana na data mu murima akanyigisha guhinga.



Iyo imyaka ya data imaze gukura tujyana gushyiramo ifumbire.



Iyo igihe k'izuba kigeze nge na data tujya kuhira imyaka yacu.



Imyaka ya data ni myiza cyane, kubera ko mufasha kuyitaho.



Hashize ameze atandatu twatangiye gusarura.



Iyo tumaze gusarura data akuraho ibyo agurisha ibindi tukabirya.



Abaturanyi bacu tubaha ku mboga kugira ngo barye indyo yuzuye



Mu rugo iwacu dutegura indyo yuzuye buri gihe kubera ko byose tuba tubyejeje.



Iyo ngiye kwiga nambara imyenda data yanguriye yagurishije imyaka yahinze, nishimiye umurima wa papa.